ITORERO RY'IGIHUGU

Inyandiko ihinnye y'Itorero ry'Igihugu

Intore ntiganya ihora ishaka ibisubizo

Kigali, Gicurasi 2009

IBIKUBIYEMO

1. IRIBURIRO.....5

2. ITORERO RY'IGIHUGU.....7

2.1 Itorero ry'Igihugu mu mateka y'u Rwanda rwo hambere.....7

2.2 Ibimaze gukorwa mu kongera kubaka umuryango nyarwanda...9

2.3 Ibisobanuro by'amwe mu magambo y'ingenzi.....11

2.4 Icyerekezo n'inshingano z'Itorero ry'Igihugu.....14

2.5 Intego z'Itorero ry'Igihugu.....15

2.6 Icyo Itorero ry'Igihugu rizibandaho.....16

2.7 Ibyiciro by'Intore.....17

2.8 Uburyo bwo kwimakaza indangagaciro na kirazira mu Ntore...18

2.9 Abajya mu Itorero ry'Igihugu.....21

2.10 Ibikorwa byo gutoza Intore.....25

2.11 Inzego z'Intore.....29

2.12 Ibimaze gukorwa mu rwego rw'Itorero ry'Igihugu.....31

2.13 Amahirwe aboneka muri iki gihe yafasha mu gushimangira Itorero ry'Igihugu.....32

2.14 Ingamba zizibandwaho.....34

3.UBURYO BWO GUSHYIRA INGAMBA MU BIKORWA.....36

Umusozo.....39

1. IRIBURIRO

Umuco wa kinyarwanda ufite ibyiza byinshi, akaba ariyo mpamvu Leta y'u Rwanda yiyemeje kuwuvomamo uburyo bwiza bw'imikorere mu gusubiza ibibazo igihugu gifite, cyane cyane nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi yo muri 1994, haba mu rwego rw'imiyoborere, ubukungu cyangwa imibereho myiza. Muri urwo rwego:

-Mu nama nyinshi abayobozi bakuru b'Igihugu bakoze mu Rugwiro hagati ya Gicurasi 1998 na Werurwe 1999, bize ku bibazo by'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, demokarasi, ubutabera, ubukungu n'umutekano. Umwe mu myanzuro wari uwo kongera guha agaciro umuco nyarwanda urangwamo indangagaciro zafasha kubaka umunyarwanda mwiza, harimo: gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda, kugira imyifatire n'imigenzereze myiza ishimwa n'abandi, kubana n'abandi mu mahoro, gufashanya, kubaha, kuba inyangamugayo, kwihangana n'ibindi.

-Ingingo ya 8 yo mu irangashingiro ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryemejwe muri referendumu muri 2003, igaragaza ko Abanyarwanda « babona ari ngombwa gushaka mu mateka yacu amaze imyaka amagana, imigenzereze myiza yarangaga abakurambere bacu igomba gushingirwaho kugirango igihugu kibashe kubaho no kugira ubwisanzure».

Mu nama zinyuranye z'abayobozi b'Igihugu basesengurira hamwe imizamukire y'igihugu n'uko gahunda z'iterambere n'imiyoborere by'igihugu byemejwe bigenda bigerwaho, hagaragaye ko inzitizi ikomeye ari imyumvire y'Abanyarwanda ikiri hasi, bityo n'uburyo gahunda z'igihugu zibafitiye akamaro bazigiramo uruhare bikadindira. Byongeye kandi, basanze ko ikindi kidindiza iterambere ari uko hari indangagaciro zahoze mu muco nyarwanda zatakaye, kandi zarafashaga Abanyarwanda kugira ubumuntu, no guteza imbere umuryango nyarwanda.

Mu mwiherero w'abayobozi bakuru wabereye mu «Kagera Game Lodge» muri Gashyantare 2007, hari inzego zifite inshingano y'ubukangurambaga,

harimo Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu , Minisiteri y'Uburezi , Minisiteri ya Siporo n'Umuco na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, zahawe inshingano yo gufata ingamba zituma icyerekezo 2020, intego z'ikinyagihumbi (MDG) na gahunda y'imbaturabukungu 2008-2012 (EDPRS) byunvikana kandi bikagerwaho Abanyarwanda benshi babigizemo uruhare, bishingiye guhindura imyumvire n'imikorere byabo. Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 12 Ugushyingo 2007 yemeje ko hashyirwaho Itorero ry'Igihugu nk'umuti uzihutisha guhindura imyumvire n'iterambere bigamije kugera ku cyerekezo 2020, riza gutangizwa ku mugaragaro na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ku itariki ya 16/11/2007.

Itorero ry'Igihugu ryashyizweho kugirango ribe umuyoboro ushingiye ku muco wo kwigishirizamo Abanyarwanda ibintu byinshi bitandukanye, harimo kongera kubigisha imico myiza iranga umunyarwanda n'uburyo bwo kuyikoresha kugirango ibageze ku iterambere rirambye. Itorero ry'igihugu rifite inshingano yo kwigisha abanyarwanda"*kugira uruhare runini mu ihinduka ry'imyumvire y'Abanyarwanda ku birebana n'impinduramatwara mu bukungu n'imibereho myiza"*[1].

Kuwa 24 Ukuboza 2008, nibwo inama y'Abaminisitiri yashyize muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge Komite Nshingwabikorwa (Task Force) y'Itorero ry'igihugu, ihabwa inshingano yo kuyobora ibikorwa byose by'Itorero ry'igihugu.

Komite Nshingwabikorwa y'Itorero ry'igihugu imaze kujyaho yasanze ari ngombwa gutegura inyandiko z'ibanze Itorero ry'igihugu rigomba kugenderaho. Muri urwo rwego, byabaye ngombwa ko hategurwa igenamigambi ku buryo burambuye kugirango ritange umurongo ngenderwaho, rinagaragaze neza icyerekezo cy'Itorero ry'igihugu mu gihe cy'imyaka ine (2009-2012), hagamijwe guhuza ibikorwa na Gahunda y'imbaturabukungu u Rwanda rugenderaho muri iki gihe (EDPRS, 2008-2012).

[1] Disikuru ya Perezida wa Repubulika yavugiye mu muhango wo gusoza imirimo y'Itorero ry'abarimu, Mata, 2008

2. ITORERO RY'IGIHUGU

2.1. Itorero ry'Igihugu mu mateka y'u Rwanda rwo hambere[2]

Mu mateka y'u Rwanda, itorero ry'igihugu ryari irerero ry'Abanyarwanda, rikaba umuyoboro igihugu cyanyuzagamo inyigisho zinyuranye ku muco wacyo (ururimi, gukunda igihugu, imibanire hagati y'abantu n'abandi, imikino ngororangingo, ibitaramo n'imbyino, kurwanira igihugu n'ibindi), bityo abana bacyo bagakurira muri uwo muco. Abarijyagamo batozwaga kuganira kuri gahunda zinyuranye z'igihugu no ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda, rikaba kandi ihuriro rikomeye ryateguraga abayobozi b'igihugu. Abaganaga itorero ry'igihugu batozwaga umuco nyarwanda kugirango bamenye indangagaciro ziwurimo zagombaga kububaka mu myumvire y'ibintu, mu myifatire, mu mitekerereze, mu mikorere n'imikoranire, mu mibereho yabo no mu mibanire yabo n'abandi.

Ibikorwa by'ingenzi Itorero ryakoraga

Intore nizo zavagamo abayobozi n'ingabo z'igihugu, abayobozi b'imisozi n'abandi hakurikijwe ubushobozi buri wese yagaragaje mu itorero. Uretse imyitozo ngororamubiri intore zahabwaga mu itorero (nko gukirana, kwiyakana, gusimbuka, gusiganwa…) no kwihangana (endurance), hari n'indi myitozo ijyanye n'umuco zahabwaga. Twavuga nko gukunda igihugu, gukomera ku bunyarwanda, ubupfura, ubutwari, ubumwe**,** kirazira, kuboneza imvugo, kutaba igitsimbanyi, guhiga n'ibindi.

Ibikorwa byose byo mu itorero si ko byigishwaga icyarimwe. Imirimo itandukanye ya buri munsi yagenwaga n'umutoza w'itorero, akaba ariwe umenya icyo aheraho mu gitondo, n'uburyo aza gukoresha umunsi we, akaba yashyira imbaraga mu gikorwa kihutirwa kurusha

[2] Ibitekerezo bikubiye muri iyi nyandiko byavuye mu bushakashatsi ku «Itorero mu Rwanda rwo hambere» bwakozwe muri 2008 na ***« MEMOS - Learning from History».***

ibindi muri icyo gihe. Cyakora icyabanzaga umuntu akigera mu itorero, kwari ukumukuramo ubunyamusozi. Aha bemezaga ko umuntu utaratowe yabaga afite byinshi atandukaniyeho n'intore, cyane cyane mu rwego rw'imivugire n'imigenzereze. Kugirango abe intore nyayo rero, babanzaga kumwigisha bimwe mu bikorwa by'ingenzi, nko kumenya kubana n'abandi, kumenya gusubiza vuba kandi mu kinyarwanda cyiza, kumenya uko umuntu yitwara imbere y'abo aruta, urungano n'abamuruta, n'ibindi.

Uko ubuzima bwari bwifashe mu Itorero

Akenshi wasangaga buri torero rigizwe n'abantu bari hagati ya 40 na 100, kandi itorero ryose rikagira izina ryaryo. Amatorero yagiraga kandi ibyiciro bitandukanye, buri cyiciro kikagira nacyo izina ryaco. Nta kigero ndakuka cyari giteganyijwe ngo ube wavuga ko umwana runaka yarengeje igihe cyo kujya mu itorero. Akenshi ariko, wasangaga hajyayo abana b'ingimbi, bari hagati y'imyaka 12 na 18. Itorero ntiryavanguraga ku buryo n'abanyamahanga bafashwe bunyago ku rugamba bashoboraga kujyamo, bakwitwara neza bakazagororerwa kimwe n'abandi. Abatowe bose si ko bagabirwaga inka cyangwa imisozi kuko hagabanaga uwarushaga abandi.

Uko ubuzima bwagendaga nyuma y'Itorero

Intore n'utaratowe babaga batandukanye nk'uko bimeze ubu k'uwize n'utarize. Uwagiye mu itorero yabaga ajijutse, ashize amanga, azi kuganira neza, azi gusobanura icyo abajijwe, afite uburere n'ikinyabupfura, arangwa n'isuku ku mubiri, akunda igihugu, arangwa n'ubutwari n'ibindi. Intore nziza yirindaga kwirata ku bandi ahubwo ikihatira kugira umubano mwiza n'abandi no kwimakaza umuco w'amahoro, dore ko yabaga yaranabitojwe. Cyakora, nkuko abanyarwanda babivuze ngo « nta byera ngo de », hari igihe hashoboraga kuboneka bamwe bashoboraga guteshukwa ku ndangagaciro z'intore, abo bakitwa ibigwari.

Abatoranywe wasangaga ari inshuti zikomeye, zishyize hamwe ku buryo na nyuma y'ubuzima bwo mu itorero ubucuti bwakomezaga bitewe n'inyigisho bahabwaga zatumaga bumva ko ari abavandimwe.

Kuvaho kw'amatorero n'ingaruka zabyo

Nkuko tumaze kubibona mu Rwanda rwo hambere, itorero ryari irerero Abanyarwanda bigiragamo ibintu byinshi bitandukanye, harimo n'inyigisho ku burere mboneragihugu, abantu bakigiramo kubana neza n'abandi. Mu itorero, nta vangura ryarangwagamo, akaba ari nayo ntwaro Abanyarwanda bari barifashishije mu kwagura igihugu no kugiteza imbere.

Ubukoloni buje, itorero ryarasenyutse. Amatorero yasigaye cyangwa ayagiye ashingwa ntaho yari agihuriye n'itorero ryari risanzweho kuko yagiye ahindura inshingano akibanda gusa ku mihamirizo. Guhera ubwo, byagize ingaruka ku mibanire y'Abanyarwanda n'imiyoborere y'igihugu , bituma himakazwa ingenabitekerezo y'ivangura na jenoside yatumwe umuryango nyarwanda usenyuka, Abanyarwanda bamwe bahezwa mu gihugu cyabo kubera ubuhunzi. Ibyo byaje no kuvamo jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 igahitana abantu barenga miliyoni, ikanasiga izindi ngaruka nyinshi harimo abatishoboye benshi, abafashe inzira y'ubuhunzi n'ibindi.
Ayo mateka mabi yaranze Abanyarwanda agaragazwa n'ubuhunzi, ubwishishanye, urwikekwe no kutizerana hagati y'abatuye igihugu yatumye benshi batakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda zashingirwagaho mu kubanisha neza abatuye igihugu.

2.2. Ibimaze gukorwa mu kongera kubaka umuryango nyarwanda

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yo muri 1994, hakozwe byinshi mu gushaka inzira zinyuranye zo gukemura ibibazo u Rwanda rwahuye nabyo.

a. Gushyiraho inzego ziharanira imibanire myiza y'Abanyarwanda

hagamijwe kubaka umuryango nyarwanda ushingiye ku kuri, ubufatanye na demokarasi. Hashyizweho inzego zigamije guhindura imyitwarire n'umuco wo gucunga neza ibya rubanda, gukorera mu mucyo no kwirinda akarengane n'amakimbirane hagamijwe uburinganire mu banyarwanda. Twavuga nk'inzego zikurikira:

- Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge
- Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa muntu,
- Komisiyo y'Igihugu y'amatora,
- Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside,
- Urwego rw'Umuvunyi,
- Urwego rushinzwe kugenzura imikoreshereze y'imari ya Leta,
- Inama y'Igihugu y'Abagore,
- Inama y'Igihugu y'Urubyiruko,
- Inama y'Igihugu ishinzwe gutegura ibizamini, n'izindi nzego.

b. Abanyarwanda kandi bagiye bagira uruhare rugaragara muri gahunda zinyuranye zo gusana igihugu. Twavuga:

- Gutegura no kwemeza Itegeko Nshinga, riragaragaza mu ngiyo yaryo ya 9 ihamwe ryo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragaramo byose, kurandurana n'imizi amacakubiri ashingiye ku bwoko (harimo kuvana amako mu ndangamuntu), akarere n'ibindi no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda, gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize, uburinganire bw'Abanyarwanda bose, n'ubw'abagore n'abagabo...";
- Kuva mu nzibacyuho amahoro;
- Kwimakaza demokarasi;
- Guteza imbere ubutabera bwunga (Gacaca);
- Kwegereza Abaturage ubuyobozi n'ubushobozi;
- Gushyiraho gahunda zinyuranye zo kurwanya ubukene;
- Gushyiraho gahunda zinyuranye zo kugarura ubumwe bw'Abanyarwanda; harimo kwemeza Politiki y'Igihugu y'Uburere Mboneragihugu na Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;

- Gushakira abaturarwanda umutekano n'amahoro asesuye**.**

c. Kuva muri 2003, u Rwanda rwihaye intego ruzaba rwagezeho:
   - Icyerekezo 2020;
   - «Millenium Development Goals» muri 2015;
   - Gahunda y'imbaturabukungu (EDPRS) 2008-2012;
   - Impinduramatwara mu bukungu;
   - Kugira indangagaciro zadufasha kwihuta mu iterambere, n'ibindi**.**

d. Muri iki gihe, u Rwanda rwinjiye mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (East African Community), ugizwe na Kenya, Uganda, Tanzaniya, Rwannda na Burundi. Guhera muri Nyakanga 2009, u Rwanda ruzatangira gukurikiza amasezerano n'amategeko bigenga imikorere yumvikanyweho muri uwo Muryango kandi rukaba rufite intego yo kuba «Financial, Services and ICT hub» y'ibindi bihugu by'Afurika no kugira abaturage bazaba bafite imibereho myiza muri 2020 ishingiye ku majyambere arambye kandi buri muturage akava ku madolari 290 akagera nibura kuri 900 buri mwaka (Income per capita).

2. 3. Ibisobanuro by'amwe mu magambo y'ingenzi

a. Itorero ry'Igihugu

Itorero ry'igihugu ni ihuriro cyangwa ishuri mbonezamuco nyarwanda ritoza Abanyarwanda uburere mboneragihugu bubafasha kuba umusemburo n'imbarutso y'impinduramatwara mu bukungu no mu mibereho myiza y'Abaturage. Itorero ry'igihugu ni urubuga rwo kumenya igihugu no gusobanukirwa uruhare rw'abaturage mu iterambere ryacyo hashingiye ku ndangagaciro z'umuco . Ni urubuga Abanyarwanda b'ingeri zose bahuriramo, bagatozwa kugira intego n'icyerekezo mu mikorere no mu mibereho yabo; bagasobanukirwa neza imigambi y'igihugu cyabo n'uburyo bwo kuyigeraho bashingiye ku ndangagaciro ziri mu muco nyarwanda zituma baba umusemburo mu gufasha abandi gushishikarira kuba intore.

b. Intore

Intore ni umuntu wese waciye mu itorero ry'igihugu, akaba arangwa n'indangagaciro z'umuco nyarwanda. Intore igomba gukomeza kwiyubaka yiyungura ubumenyi bujyanye n'igihe. Intore igomba kwiha gahunda y'imihigo ikagira n'uburyo bwo guhora isuzuma uko iyishyira mu ngiro kugira ngo ishobore kwesa imihigo.

c. Indanga-gaciro

Indangagaciro ni ibikorwa ngenderwaho bifasha Abanyarwanda kugena ibyiza, ibigawa n'ibizira bashingiye ku muco wabo. Dore zimwe mu ndangagaciro inzego nkuru za Leta zumvikanyeho ko zadufasha kugera ku cyerekezo 2020 u Rwanda rwiyemeje:

- Kwihuta no kubahiriza igihe: kugira igihugu cyihuta mu iterambere;
- Kugira umuco wo kunezeza abo dukorera: guhora turushaho kunoza ibyo dukora, kureba kure;
- Kunoza ibyo dukora: kuba indashyikirwa, gucunga neza;
- Kurangiza ibyo watangiye: kurangiza ibyo watangiye hagamijwe umusaruro;
- Kwiyubaha: kugira ishema ry'igihugu.

d. Kirazira

Kimwe n'indangagaciro hari kirazira zumvikanyweho n'inzego nkuru z'igihugu arizo:

- Gukora utazirikana intego: ikuzo no kwikunda
- Guhunga inshingano: kutubahiriza igihe ntarengwa
- Kuba nyiranjyiyobijya: gufata ibyemezo bidafatika
- Kwanga kwiteranya: kurenzaho
- Kutizerana: kubaka akazu

e. Ubupfura

Impfura ni umuntu w'imico myiza, ugororokera benshi, udahemuka. Ubupfura ni ukugira umutima ukunda, umutima w'impuhwe n'imbabazi, wakira ntiwirate, wakena ntuhemuke. Ubupfura ntiburenganya kandi ntibwikubira. Impfura muragendana ntigusige, mwaganira ntikuvemo, mwasangira ntigucure, wapfa ikakurerera. Impfura irangwa n'urugwiro, ikakira neza abayigana, ntiyandavura, ntiyica umugambi, yubahiriza igihe, ntivunda, irangwa n'ukuri, iratuza, ikoroshya kandi ikorohera n'abandi...

f. Ubutwari

Ubuzima bwose bw'umuntu ni urugamba rukomeye, ni intambara nk'izindi umuntu arwana buri gihe kandi agomba gutsinda. Ubupfura n'ubutwari iteka birajyana, ubufite akaba yapfa aho kugirango ahemuke, akaba yakwemera gupfira igihugu aho kukigambanira. Umuntu aba intwari kubera ibikorwa byiza yakoreye igihugu.

Itorero ry'igihugu rizafasha gushyira mu bikorwa indangagaciro na kirazira zigamije ahanini kunoza uburyo bwo gutanga serivisi nziza no kwihutisha imirimo. Bizaba ngombwa gusesengura izindi ndangagaciro na kirazira zishingiye ku muco nyarwanda no ku iterambere ry'igihugu zigomba kuranga intore kuri buri cyiciro (abarimu, abaganga, abakozi bo mu ma banki....), no kuri buri rwego rw'itorero ry'igihugu (Umudugudu, Umurenge, Akarere), hakurikijwe kandi umuco nyarwanda urangwa buri hantu, ibibazo byihariye bihari n'undi mwihariko ushoboka.

2. 4. Icyerekezo n'Inshingano z'Itorero ry'Igihugu

Icyerekezo

Icyerekezo cy'itorero ry'igihugu, ni uko mu bihe biri imbere haba hariho "Abanyarwanda:
- Bafite imyumvire myiza n'indangagaciro basangiye mu kubaka ubumwe bw'abo no gukunda igihugu;
-Basobanukiwe n'imigambi y'igihugu, uburyo bwo kuyigeraho n'uruhare rwabo mu kuyishyira mu bikorwa;
-Bifitemo icyizere cyo kwikemurira ibibazo;
-Barangwa n'icyerekezo kimwe bahuriyeho mu guharanira kwiteza imbere kandi bafite ishema ryo guteza imbere igihugu".

Inshingano

Kugirango icyerekezo kigamijwe kizagerweho, itorero ry'igihugu rifite inshingano yo:

a. Kurera intore zibereye igihugu kandi zigaragara mu byiciro byose by'Abanyarwanda:
   - Zirangwa n'indangagaciro zishingiye ku muco nyarwanda (arizo gukunda igihugu, kwimakaza ubunyarwanda, kurangwa n'ubupfura, guharanira ubutwari no kwimakaza kirazira), zishingiye kandi no kuri gahunda z'iterambere ry'igihugu.
   -Zigomba kubera abandi, ari aho zituye ari naho zikora, umusemburo w'impinduka nziza zose, haba mu myumvire, mu myifatire, mu mitekerereze no mu mikorere y'Abanyarwanda.

b. Kwimakaza ibyiza biri mu muco nyarwanda no kwimakaza indangagaciro na kirazira mu muryango nyarwanda, bigomba gushingirwaho mu kubaka iterambere ry'igihugu, kurwanya akarengane na ruswa, no guca umuco wo kudahana, kwimakaza umuco w'amahoro, ubworoherane, ubumwe n'ubwiyunge, no kurandura ingengabitekerezo ya jenoside n'imizi yayo yose.

c. Kurata ishema n'ibigwi by'u Rwanda n'Abanyarwanda

2.5. Intego z'Itorero ry'Igihugu

Intego z'itorero ry'igihugu zishingiye ku cyerekezo n'inshingano zaryo, mu rwego rwo kubaka umunyarwanda urangwa n'indangagaciro zishingiye ku muco no kuri gahunda z'iterambere ry'igihugu.

Intego rusange

Itorero ry'igihugu rifite intego rusange yo:
-Kubaka Abanyarwanda baharanira ishema ryabo, bafite indangagaciro zibaranga, bashaka impinduka nziza kandi zihuta, bagamije iterambere n'imibereho myiza yabo n'abo babana; byubakiye ku bumwe, imiyoborere myiza n'ubukungu bushingiye ku bumenyi n'ubushobozi bubarimo ubwabo aribwo bubafasha gukora no guharanira ubukire badategereje akimuhana kaza imvura ihise;

- Kubaka abayobozi mu nzego zose bafite urukundo rw'u Rwanda n'abarutuye, ubushake bwo guteza imbere abo bayobora, inyota y'ubumenyi bwo guhanga udushya, ishema ryo guhiga ibyo bazageraho n' ibyo bazageza ku bo bayobora.

Intego zihariye

Itorero ry'igihugu rifite intego zihariye zikurikira:

a. Guha Abanyarwanda ubushobozi bwo gusesengura ibibazo byabo kugira ngo babishakire ibisubizo bikwiye, kumenya gusesengura no gusakaza indangagaciro n'ibikorwa bibafasha kubaka ubumwe n'ubwiyunge no kugera ku majyambere arambye;
b. Guteza imbere ikinyarwanda, ubunyarwanda n'indangagaciro zo mu muco nyarwanda zadufasha kubana no kubaho neza;
c. Gutoza Abanyarwanda uburyo bwiza bw'imikorere n'imikoranire hagati yabo, gukorera hamwe mu bufatanye no mu bwuzuzanye, no guteza imbere umuco wo guhanga no guhiga;
d. Gutoza Abanyarwanda kumenya no kwitabira imigambi yo gushyira mu bikorwa gahunda za Leta;

e. Gutoza Abanyarwanda kurangwa n'isuku, kuba heza, no kurengera ibidukikije, kwimakaza demokarasi no kujya impaka zubaka, kumenya no kubahiriza amategeko, kwanga no kurwanya akarengane na ruswa;
f. Gutoza Abanyarwanda kubaka no gukuza umuco w'amahoro ushingiye ku kwizerana, kubahana, koroherana no kubahiriza uburenganzira bwa muntu, kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside no kubatoza gukemura amakimbirane mu buryo buboneye bushingiye ku bwumvikane n'ubworoherane mu muryango;
g. Gutoza abanyarwanda kumenya no gutanga serivisi nziza kandi zihuse mu byo bakora byose, kugira umwete n'ubushake bwo gukora umurimo utunganye no kubahiriza igihe.

2.6. Icyo Itorero ry'Igihugu rizibandaho

Nubwo hari byinshi byakozwe mu kubaka umuryango nyarwanda nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi yo muri 1994, haracyagaragara inzitizi ikomeye ishingiye cyane cyane ku myumvire y'Abanyarwanda, bigatuma iterambere ryifuzwa ritihuta.

Itorero ry'igihugu rije gutanga umusanzu mu gufasha gukemura cyane cyane ikibazo cy'imyumvire n'imyitwarire, no gufasha guhindura imikorere idashimishije hashingiwe ku ndangagaciro zo mu muco nyarwanda.

Ibikorwa by'Itorero ry'igihugu bireba abantu bose kandi mu buzima bwose by'umunyarwanda, mu nzego zose z'ubukungu n'imibereho myiza, bityo rikaba ryafatwa nk'imbariro zo gufasha izindi gahunda z'igihugu kugera ku nshingano zazo.

Itorero ry'igihugu rizafasha Abanyarwanda kurushaho kubaka ubumwe n'ubufatanye mu muryango nyarwanda ufite umuco wubakiye ku ndangagaciro zituma u Rwanda rwiha agaciro, rwubahwa, rugira ijambo mu ruhando rw'amahanga, rwizihira abarutuye n'abarugenda maze rugahora rutera intambwe igana imbere mu buryo burambye kandi bubereye bose.

2.7. Ibyiciro by'Intore

Hari ibyiciro bitatu by'ingenzi ubutore buzubakirwamo:

-hari intore zo mw'itorero
-hari intore zo ku Urugerero
-hakaba n'intore zo mu Ingando

a. Intore zo mw'itorero

Intore zo mw'itorero ry'igihugu zizajya zitozwa ukwezi n'igice, zigategurwa kandi zigakurikiranwa na Task force y'itorero ry'igihugu, ku bufatanye na Minisiteri y'Uburezi , Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu , Working Development Autorithy , Multi Sectoriel Capacity Building Fund , n'izindi nzego zihariye

b. Intore zo ku rugerero

Intore zizaba zimaze gutozwa ku rwego rw'igihugu, zizajya zijya ku rugerero, mu mirenge itari iyo bakomokamo. Intore zo ku rugerero zagirwa n'abanyeshuri bose barangije amashuri yisumbuwe batarajya muri Kaminiza cyangwa mu mirimo, bari kumwe n'urubyiruko rusanzwe ruri mu kigero cyabo; abarangije Kaminuza batarabona imirimo n'abafite imyuga bakora icyenewe ku rugerero bahamara igihe kigufi cyo gutoza no kumenyereza intore zo ku rugerero.

Buri mwaka, intore zo ku rugerero zizaba zigizwe n'intore 5 zavuye muri buri mudugudu ku midugudu 14.837, ni ukuvuga intore zose hamwe 74.185. Ku mirenge 416 yose, ni ukuvuga buri murenge uzajya wakira intore hafi 180 zidakomoka muri uwo murenge zizaba ziri ku rugerero zavuye mu matorero y'ahandi.

Intore zishobora kumara ku rugerero umwaka, amezi 6, amezi 3 cyangwa ukwezi kumwe bitewe n'imirimo bagomba gukora. Mu mirimo ya buri munsi muri icyo gihe, intore ziri ku rugerero zizajya zitozwa kandi zikurikiranwe n'ubuyobozi bw'intore zo mu mirenge zoherejwemo n'izindi nzego z'ubuyobozi bw'Umurenge.

Ibizatunga Intore zo ku rugerero bizashakishwa n'ubuyobozi bw'intore za buri murenge no mu bundi bushobozi Imirenge yaba ifite.

c. Intore zo mu ngando

Intore zo mu ngando zizaba ziganditse mu midugudu, zikaba zigizwe n'intore zose zihari hatitawe aho zatorejwe. Itorero ryo ku mudugudu rizajya rikora mu bihembwe bitatu by'ibyumweru bibiri buri gihembwe, kandi rizajya riba mu biruhuko by'amashuri. Intore zo mu ngando zizajya zikurikiranwa kandi zisuzumwe n'ubuyobozi bw'intore mu mudugudu, hamwe n'izindi nzego zishinzwe ubukangurambaga mu gihugu. Intore zo mu ngando zizajya zimenyereza kandi zifashe izizaba ziri ku rugerero.

2.8. Uburyo bwo kwimakaza indangagaciro na kirazira mu ntore

a. Ibyiciro by'indangagaciro na kirazira

Indangagaciro na kirazira bikubiye mu byiciro bitatu:

- Indangagaciro na kirazira mu birebana n'imibereho n'imibanire y'Abanyarwanda,
- Indangagaciro na kirazira mu birebana no gukunda igihugu, ubutwari n'imiyoborere myiza,
- Indangagaciro na kirazira mu birebana no kwiteza imbere, no guharanira amajyambere rusange y'igihugu (guteza imbere aho utuye n'igihugu).

b. Ibikorwa byo kwimakaza indangagaciro

Ibikorwa byo kwimakaza indangagaciro bikubiye mu byiciro bibiri by'ingenzi:

- Kurata ibigwi by'ibikorwa by'intore y'indashyikirwa mu mihigo no kubisakaza ahandi. Ibyo bizajya bikorwa mu biruhuko by'amashuri, ni ukuvuga mu kwezi kwa Mata, Nyakanga n'Ugushyingo buri mwaka.

- Kwizihiza icyumweru ngaruka mwaka cy'intore, hakorwamo gusura ibikorwa by'intore no kugororera indashyikirwa mu ndongozi kuri buri rwego, no kugaya ibigwari. Bizajya bikorwa ku munsi w'intore ku rwego rw'igihugu waba ku itariki ya 16 Ugushyingo, ari nayo tariki itorero ryatangiriyeho.

c. Gutoranya indongozi n'ibigwari

Ubutore buhoraho, bukaranga intore aho iri hose (aho ituye, aho ikora, aho igenda), kandi intore nyayo iribwiriza ntibwirizwa. Intore ntiyiharira imvune zo gushaka ibisubizo by'ibibazo, ahubwo ifasha abandi kwishakamo imbaraga n'ibitekerezo byo kubikemura. Intore isabwa kuba intangarugero mu byo ikangurira abandi no kuba umusemburo w'impunduka *(change agent)* aho ituye**.** Ibi nibyo bizatuma intore iba indashyikirwa mu mihigo, kandi ntikoreshwe n'uwariwe wese mu bikorwa byakwanduza isura yayo.

Muri urwo rwego, hazashyirwaho uburyo bwo kugaragaza ibyo intore zakoze zimaze gutozwa, hashyirweho n'uburyo bwo kugororera iziri ku isonga z'indasyhikirwa, no kugaya ibigwari hashingiwe ku ngingo intore ubwazo zizihitiramo.

- Itoranywa ry'indongozi n'ibigwari mu mibanire n'imibereho by'intore

Mu biruhuko by'abanyeshuri byo muri Mata buri mwaka, hazajya hasuzumwa indongozi n'ibigwari mu ndangagaciro na kirazira bijyanye n'imibereho n'imibanire y'Abanyarwanda, n'abagize uruhare mu kubyimakaza. Iryo suzuma rizajya riyoborwa na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge , Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside , Komite za community Policing n'ubuyobozi bw'intore zo mu ngando.

- Itoranywa ry'indongozi n'ibigwari mu miyoborere, gukunda igihugu n'ubutwari mu Ntore

Mu biruhuko by'abanyeshuri byo muri Nyakanga buri mwaka, hazajya hatoranywa indongozi n'ibigwari mu ndangagaciro na kirazira bijyanye n'imiyoborere, ubutwari no kwakirana urugwiro abakugana, n'abagize uruhare mu kubyimakaza. Iryo suzuma rizajya rikorwa n'Ubuyobozi bw'intore ku Karere, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora , Komite ihuza inzego zishinzwe kurwanya ruswa n'akarengane, ubuyobozi bw'Inteko y'intore zo ku rugerero n'itorero ry'igihugu.

- Itoranywa ry'indongozi n'ibigwari mu kwiteza imbere no guharanira amajyambere rusange y'Igihugu

Mu biruhuko by'abanyeshuri byo mu kwezi k'Ugushyingo buri mwaka, hazajya hatoranywa indongozi n'ibigwari mu ndangagaciro na kirazira bijyanye no kwiteza imbere no guteza imbere igihugu n'aho utuye mu bikorwa by'indashyikirwa n'impinduka byihutisha ibipimo by'icyerekezo 2020 , Intego z'icyinyagihumbi , na gahunda y'impinduramatwara mu bukungu n'abagize uruhare mu ku byimakaza. Iryo suzuma rizajya riyoborwa n'Itorero ry'Igihugu, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu , Minisiteri y'Imari n'Igenana migambi n'izindi nzego zafasha mw'isuzuma kuri uru rwego

d. Kugororera indongozi mu nkera y'abahizi

Kugororera indongozi bizakorerwa intore zo mu ngando, izo ku rugerero n'abatoza bazo, bikorwe buri mwaka mu byiciro byose uko ari bine: ingimbi, urubyiruko, abakuze, ibikwerere n'amajigija.

Umuhango wo kugororera indongozi uzajya uba mu cyumweru cyo hagati ya Noheli n'Umwaka mushya, bituruke ku rwego rw'igihugu

bimanuka kugera ku rwego rw'Umudugudu. Ingengabihe izajya imenyekana kare kugirango inkera y'abahizi itegurwe neza kuri buri rwego.

e. Kunoza buri gihe indangagaciro na kirazira no gufata ingamba zo kuzimakaza

Buri gihe cyose intore zirimo gutozwa, zizajya ziboneraho no kunoza icyegeranyo cy'indangagaciro na kirazira n'uburyo bwo kubyimakaza. Urugero: imigani migufi, kwivuga, kwirahira, kuvugwa nk'urugero rwiza mu misango, mu mashuri n'ahandi, kugirwa indahiro, iciro ry'umugani no guhimbwamo imbyino mu midugudu n'ibindi.

2.9. Abajya mu Itorero ry'Igihugu

Nkuko byavuzwe haruguru, itorero ry'igihugu ni gahunda ireba buri wese, intego akaba ari uko buri munyarwanda wese aba intore. Kubera ko Abanyarwanda bose badashobora kugerwaho icyarimwe n'ibikorwa by'itorero, hari ibyiciro by'ingenzi bikurikira biza ku isonga kubera uruhare bifite muri sosiyete nyarwanda, bikaba bigaragara nk'inkingi z'impinduka mu myumvire, mu myitwarire n'imikorere by'Abanyarwanda.

a. Umuryango

Uburere bw'ibanze umwana abuhabwa mu muryango, akaba aribwo musingi w'umuco umwana azakurana. Mu muryango niho mbere na mbere umwana atozwa indangagaciro z'umuco nyarwanda na kirazira, n'indi myitwarire izamufasha gukura yemerwa mu muryango avukamo no mu muryango rusange w'abantu.

b. Amashuri

Mu ishuri, uburere umwana yakuye iwabo mu muryango buhura n'ubw'abandi bana bakuye mu miryango yabo bukuzuzanya.

Umwarimu nawe akagira uruhare rukomeye mu gushimangira no kunoza uburere bwo mu muryango, no mu gutoza abana indi myitwarire irushijeho kunogera imiryango abana bavukamo n'igihugu muri rusange. Umwanzuro wa 16 w'Inama ya gatandatu y'Igihugu y'Umushyikirano usaba kwigisha uburere mboneragihugu mu mashuri yose yo mu Rwanda, aya Leta n'ayigenga.

c. Inzego z'Ubuyobozi bw'Igihugu

Inzego z'Ubuyobozi bw'Igihugu nizo zishyiraho politiki na gahunda za Leta kandi zikanakurikirana uko zishyirwa mu bikorwa. Abayobozi ku nzego zose bagomba kurangwa n'imiyoborere myiza, irangwa n'uburyo buboneye bwo guhuza abayobozi n'abayoborwa, buri wese akamenya ibyo afitiye uburenganzira n'aho afite inshingano. Ibyo abayobozi bakora bigomba kuba biganisha ku byifuzo by'abaturage kandi hakabaho uburyo butuma abayobozi baryozwa ibya rubanda. Imiyoborere myiza irangwa no kwimakaza uburyo bufasha abayobozi n'abayoborwa kuzuzanya mu bitekerezo bigera ku bikorwa biteza imbere igihugu.

d. Amadini n'inzego za Sosiyeti Sivile

Sosiyete sivile n'amadimi bifite uruhare runini mu mibereho myiza y'abaturage, bakagira n'akarusho ko kugirirwa icyizere gihagije n'abaturage. Kubera uruhare rukomeye izo nzego zifite mu mibanire y'abanyarwanda, zizafasha kwihutisha impinduka mu gihe zizibona mu itorero ry'igihugu kandi zikarigira iryazo.

e. Inzego zihagarariye ibyiciro byihariye by'Abanyarwanda

Abagore bafite umwanya w'ibanze mu burere bw'abana mu miryango. Urubyiruko nirwo amizero y'igihugu ashingiyeho mu gihe kiri imbere. Amakoperative n'amashyirahamwe (nk'Urugaga rw'abahinzi n'aborozi) ahuza abaturage b'ingeri zose mu bikorwa bifatika byo kwiteza imbere. Inzego zihagarariye ibyo byiciro nizitabira itorero ry'igihugu, bizafasha kwihutisha impinduka mu myumvire, imyitwarire n'imikorere.

f. Inzego zitanga serivise zitandukanye

Inzego zishinzwe gutanga servise (mu nzego za Leta n'izabikorera) zifite uruhare rw'ibanze mu kubaka igihugu. Iyo serivise zitanzwe zinogeye abazikenera barushaho kuzitabira bishimye bityo igihugu kikihuta mu iterambere. Mu buryo bw'ipiganwa, utanga servise nziza kandi vuba, niwe abantu bitabira gukorana nawe.

g. Ibindi byiciro bitavuzwe harugugu

Hari ibindi byiciro by'Abanyarwanda bigomba kwitabwaho by'umwihariko muri gahunda y'itorero ry'igihugu kubera uruhare bifite mu kwihutisha impinduka nziza. Twavuga nk'Abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora), abarangije amashuri (ayisumbuye n'amakuru) batarabona akazi, abahoze mu kazi ariko bakaba barakavuyeho, n'abahoze mu nzego z'ubuyobozi butandukanye. Ku cyiciro cy'abanyenshuri barangije amashuri batarabona akazi ndetse n'abari mu mahanga, bazajya batozwa ku mwihariko bagira nk'abakorerabushake (volunteers) mu rwego rwo kwimenyereza imirimo.

Intore zigomba gutozwa, zizajya zishakirwa ku nzego enye (4) z'imiyoborere y'igihugu: Umudugudu, Umurenge, Akarere n'Igihugu.

Ku rwego rw'Umudugudu

Buri muryango mu Mudugudu uzajya wohereza ujya mu itorero muri buri cyiciro. Bitewe n'imyaka y'abatuye Umudugudu , amatorero azashyirwa mu byiciro 4. Hazabaho:

- Itorero ry'ingimbi,
- Itorero ry'urubyiruko,
- Itorero ry'abakuze,
- Itorero ry'ibikwerere n'amajigija.

Ku rwego rw'Umurenge

Abakozi b'Akarere ku rwego rw'Umurenge, amashyirahamwe, amakoperative, abikorera n'abakozi b'imiryango itari iya Leta ikorera mu Murenge n'abandi bakozi ba Leta bakorera ku nzego ziyoborwa n'Umurenge n'abatoza bo ku rwego rw'Umudugudu.

Ku rwego rw'Akarere

Abayobozi n'abakozi b'Akarere, abayobozi batowe, abayobozi b'ibigo by'amashuri n'imiryango itari iya Leta ikorera mu Karere, abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye n'abatoza ku rwego rw'Imirenge.

Ku rwego rw'Igihugu

Abayobozi bakuru mu nzego zitandukanye z'Igihugu, abayobozi ku rwego rw'Igihugu b'imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, abanyeshuri barangije Kaminuza n'abarimu ba za Kaminuza, abayobozi ba Kiliziya n'amadini byemewe hamwe n'abayobozi bakuru mu nzego z'abikorera na sosiyete sivile, n'abatoza bo ku rwego rw'Akarere.

Usibye ibyiciro byavuzwe haruguru, hazabaho Amatorero yihariye, ahuza ibyiciro bifite icyo bihuriyeho, akaba ashobora kubera ku rwego ry'Igihugu cyangwa rw'Akarere.

Urugero rw'Amatorero yihariye

- Itorero ry'urubyiruko rurangije amashuri yisumbuye n'abarangije Kaminuza
- Itorero ry'abayobozi ba Kiliziya n'amadini ryakorwa ku rwego rw'Igihugu
- Itorero ry'abanyamakuru ba Leta n'abigenga ryakorwa ku rwego rw'Igihugu
- Itorero rya Komite z'amakoperative ryakorwa ku rwego rw'Akarere
- Itorero ry'abakozi bo muri Minisiteri ryakorwa ku rwego rw'Igihugu

- Itorero ry'abakozi bo mu Kigo kigengwa na Leta cyangwa ikigenga ryakorwa ku rwego rw'Igihugu
- Itorero rya Komite Nyobozi na Njyanama z'Uturere ryakorwa ku rwego rw'Uturere
- Itorero rya Komite Nyobozi z'Imirenge, Utugari n'Imidugugu rwakorwa ku rwego rw'Imirenge
- Itorero ry'abunzi ryakorwa ku rwego rw'Akarere
- Itorero rya Komite z'inzego z'urubyiruko ryakorwa ku rwego rw'Akarere
- Itorero rya Komite z'inzego z'Abagore ryakorwa ku rwego rw'Akarere.

2.10. Ibikorwa byo gutoza Intore

a. Aho Intore zizajya zitorezwa

Nubwo bwose itorero ryatangiriye ku rwego rw'igihugu (gutoza abayobozi b'inzego z'ibanze, abarimu, n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge), mu gihe kiri imbere intore zizajya zitorezwa no mu nzego z'ibanze

- Itorero ry'igihugu rizashyiraho ububiko bw'amakuru (documetation center), rikore kandi rihuze ibikorwa bw'ubushakashatsi bufite aho buhuriye n'itorero ry'igihugu mu bihe byashize no muri ibi bihe turimo[3].

- Ku rwego rw'igihugu**:** Ikigo cya Nkumba ni cyo kizajya gitorezwamo intore zo ku rwego rw'Umurenge, Akarere n'Igihugu.

-Mu nzego z'ibanze: Ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Umudugudu, itorero rizakorera mu nyubako za Leta (inyubako zisanzwe zigenewe amahugurwa, ibigo by'amashuri...). Hashobora no kwifashishwa inyubako z'amakoperative n'amashyirahamwe n'ahandi hagenwa mu Mudugudu itorero ririmo, mu buryo abaturage basazwe bakoresha mu guhurira hamwe. Aho hantu hagomba kuba hitaruye, hiherereye kandi hiyubashye.

[3] Ikigo cya NKUMBA kizakomeza no gukoreshwa mu bikorwa bisanzwe bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

b. Uburyo Intore zizajya zitozwa

Kugira ngo habeho itorero ry'igihugu rikomeye n'intore zihamye ku nzego zose:

- Ku rwego rw'Umudugudu: Itorero ryo ku Mudugudu, niryo rigera mu muryango, rikanafasha umunsi ku wundi kugera ku mpinduka nziza mu buzima bw'abaturage. Kuri buri cyiciro cy'itorero, hazajya haba itorero ry'abantu batarenze 50([4]) bavuye mu miryango itandukanye igize Umudugudu.

- Ku rwego rw'Umurenge**:** Itorero ryo ku murenge rifite inshingano yo gutoza intore zo mu byiciro byihariye byo ku rwego rw'Umurenge, no gutoza abatoza bo mu matorero y'Imidugudu.
- Ku rwego rw'Akarere: Itorero ryo ku Karere rifite inshingano yo gutoza intore zo mu byiciro byihariye byo ku rwego rw'Akarere, no gutoza abatoza bo ku rwego rw'Umurenge.

- Ku rwego rw'Igihugu: Itorero ryo ku rwego rw'Igihugu rifite inshingano yo gutoza intore zo mu byiciro byihariye byo ku rwego ry'Igihugu, gutoza abatoza bari ku rwego rw'Akarere n'Umurenge, gukora ubushakashatsi, gushyiraho umurongo ngenderwaho w'itorero ry'igihugu n'ibindi.

Abatoza bazajya batoranywa hakurikijwe ubushobozi bwabo mu gutoza buri cyiciro. Mu gihe abatoza bazajya bahura baje gutozwa (cyane cyane mu gihe cy'ibiruhuko by'amashuri)[5], bazajya bazana ishusho y'ibyakozwe n'intore zo ku rwego batorezaho, kugirango ayo makuru yifashishwe mu kungurana ibitekerezo no kugirango amakuru akenewe ku bikorwa by'intore ashobore guturuka hasi azamuke kugera ku rwego rw'igihugu.

[4] Ni byiza kugira umubare w'abantu baringaniye kugirango ibiganiro birusheho kugenda neza
[5] Abatoza bo mu midugudu bahurira ku Murenge, abo ku Murenge bagahurira ku Karere, abo ku Karere bagahurira ku rwego rw'Igihugu.

c. Ikigamijwe mu biganiro by'Itorero

- Kumva kimwe no gusesengura ibibazo biriho n'icyabiteye ku isi muri rusange no mu Rwanda by'umwihariko.
- Gusesengura icyerekezo rusange cy'u Rwanda n'icyakorwa kugira ngo kigerweho ku nzego zose z'imitegekere y'Igihugu n'ibisabwa buri Munyawanda.
- Gusesengura indangagaciro zigomba kuranga intore, inzira zo kuzigeraho, inshingano z'intore mu mpinduramatwara igihugu cyiyemeje kugeraho n'uburyo bwo gukomeza kubaka itorero ku nzego zose.
- Gusesengura icyo imihigo izajya ishingiraho ku nzego zose, uko isuzuma rizajya rikorwa, icyo bazaba bareba n'ingengabihe ku nzego zose kugirango imihigo igende ihererekanywa mu buryo bwuzuzanya, umuhango wo gucyura imihigo (kuvuga amacumu) no kugororera indashyikirwa ku nzego zose, gutegura imihigo y'intore no gushyiraho ingengabihe y'isuzumamigendekere yayo.

d. Uko ibiganiro bizajya bitangwa

Intore zigomba gusesengurira hamwe ingingo nkuru z'ibiganiro mu matorero yose zitabifata mu mutwe, ahubwo zibihuza n'ingero za hafi ziri aho zituye.
Kubera iyo mpamvu, uburyo bwo gutoza bugomba gutandukana n'uburyo buzanzwe bw'amahugurwa, hashyizwe imbere uburyo bw'ibiganiro (debates):

- Uko Intore zahuye buri kwezi, zizajya ziba zifite ingingo ziganiraho, hanyuma zihe imihigo. Mu nama itaha zizajya zibanza gusuzumira hamwe uko zesheje imihigo mbere yo gufata indi ngingo nshyashya.

- Ibiganiro bigomba gutangwa mu bwisanzure no kungurana ibitekerezo hagati y'intore, hashingiwe ku ngero zifatika zigaragara aho itorero rikorera zifasha intore kwigishanya hagati yazo, umutoza akaba cyane cyane umufashamyumvire *(moderator)*.

- Gutinyuka gusasa inzobe: Kuvuga ibitagenda nta nkurikizi kuko bifasha gukosora.

- Kubera iyo mpamvu , abatoza bazahugurwa kugirango bagire ubushobozi muri ubwo buryo bwo gutoza.

- Hazategurwa imfashanyigisho zizajya zikoreshwa mu biganiro by'intore, ku ngingo z'ingenzi zatoranyijwe. Mu kunoza imfashanyigisho z'Itorero ry'Igihugu, hazahuzwa izari zisanzwe zateguriwe mu nzego zitandukanye, hanategurwe inshya zijyanye n'icyerekezo cy'impinduramatwara mu bukungu n'imibereho myiza.

Uburyo Intore zizajya zitozwa hakurikijwe buri rwego



Muri gahunda zose z'itorero, umuryango ugomba kuba ishingiro rya byose, kandi umuco nyarwanda, ubuvanganzo, n'ururimi rw'ikinyarwanda bigahabwa agaciro. Ibitaramo bya kinyarwanda bizajya byitabwaho mu mahuriro y'intore, kandi hagire n'igihe cy'ubusabane hagati y'intore.

Intore zizajya zikorera ibikorwa by'amaboko aho ziri mu itorero kandi zibikore hakurikijwe ubumenyi zifite. Urugero: nko mu gihe hari itorero ry'abaganga, bajya mu Midugudu yegereye itorero kuganira n'abaturage ku bijyanye n'ubuzima muri rusange, uburyo bwo kuringaniza imbyaro, kubyarira kwa muganga n'ibindi.

e. Uko gahunda y'umunsi izajya itegurwa mu Itorero

Mu gihe habaye Itorero rimara igihe kirekire ku rwego rw'Igihugu, Umurenge n'Akarere, imirimo ya buri munsi yakurikirana mu buryo bukurikira:

Gahunda ya buri munsi izashingira kuri ibi bikurikira	
1.	Imyitozo ngororangingo
2.	Ibiganiro bitangwa n'abatoza
3.	Ibiganiro mpaka n'imirimo yo mu matsinda
4.	Ibikorwa by'ubukorerabushake n'ubwitange
5	Igitaramo n'Imyidagaduro

2.11. Inzego z'Intore

Kugirango intore zose zatojwe zibashe kugera ku nshingano zazo neza nk'intore, ni ngombwa ko zigira inzego zikoreramo, uko zikurikiranwa n'uko zifashwa gukomeza kwiyubakamo ubutore. Itorero rigomba kubakwa riturutse hasi (mu mudugudu), Intore akaba arizo zitoramo abayobozi kugirango zumve ko ibikorwa byose by'Itorero ry'Igihugu ari ibyazo koko.

a. Inteko y'Intore

Hateganyijwe ko habaho amahuriro y'intore ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge. Bitewe n'uko hari aho intore zishobora kubana ari nyinshi kubera imirimo izihuje (nko mu mashuri, mu mavuriro n'ahandi), hazabaho inteko y'intore igizwe n'intore ziri muri ibyo byiciro.
-Ku rwego rw'Umudugudu: Inteko y'intore igizwe n'intore zose zituye muri uwo Mudugudu, zatojwe mu byiciro binyuranye. Urwo rwego rufite inshingano y'ibanze yo kuba intangarugero, gufasha mu mihindukire myiza y'abatuye mu mudugudu, no kuvuganira abaturage ku bibazo bafite. Hashingiwe ku mihigo y'intore, urwo rwego rutegura gahunda y'ibikorwa by'intore ku rwego rw'umudugudu, rukanakora raporo y'ibyakozwe nyuma yo kwisuzuma. Inteko y'intore mu Mudugudu iterana nibura buri kwezi muri buri cyiciro.

- Ku rwego rw'Akagari: Ihuriro ry'intore rigizwe na komite z'intore ku rwego rw'Imidugudu igize Akagari. Urwego rw'intore ku Kagari rufite inshingano yo gukurikirana ibikorwa by'intore ku rwego rw'Umudugudu, gukusanya amakuru ku bikorwa by'intore zo mu midugudu akagezwa ku rwego rw'Umurenge, no kugeza ku midugudu amakuru aturutse mu nzego zo hejuru, gutegura ibikorwa bishobora guhuza intore ku rwego ry'Akagari, n'ibindi. Ihuriro ry'intore ku Kagari riterana buri gihembwe.

- Ku rwego rw'Umurenge: Ihuriro ry'intore rigizwe n'aba bakurikira:
Komite z'intore ku rwego rw'Utugari twose tugize Umurenge
Komite z'intore mu bigo byihariye (mu mashuri, mu mavuriro n'ahandi hahurirwa n'Intore nyinshi bitewe n'akazi zihuriyeho)

Urwego rw'intore ku Murenge rufite inshingano yo gukurikirana ibikorwa by'intore mu Tugari twose, gukusanya amakuru ku bikorwa by'intore aturuka mu Tugari akagezwa ku rwego rw'Akarere, no kugeza mu Tugari amakuru aturutse mu nzego zo hejuru, gutegura ibikorwa bishobora guhuza intore ku rwego ry'Umurenge, n'ibindi. Ihuriro ry'intore ku Kagari riterana buri gihembwe.

- Ku rwego rw'Igihugu: Ku rwego rw'Igihugu, hazajya haba buri mwaka ihuriro ry'Intore z'indongozi ziturutse mu Midugudu yose . Ihuriro ry'intore ku rwego rw'Igihugu rihurirana n'umunsi w'intore

b. Abatoza b'Intore

Buri torero rigira abatoza bagenwa n'ihuriro ry'intore. Abatoza bagomba:
-Kuba intangarugero ku ndangagaciro ziranga intore z'iryo torero;
- Kuba bafite ubumenyi buhagije butangwa mu itorero kandi bafite ubuhanga mu gutambutsa ubutumwa, kugirango abatozwa babagirire icyizere gihagije;
- Kuba basobanukiwe n'ingingo z'ibiganiro, ndetse byaba akarusho bakaba ari intangarugero mu bikorwa biganirwaho;
- Gutoranywa ku buryo bunoze hakurikijwe uburemere by'ibyo Intore zikeneye gutozwamo.

***c*. Amategeko agenga Intore**

Intore zigira amategeko ngengamyitwarire (code of conduct) yubakiye ku ndangagaciro z'itorero iri n'iri ; agaragaza imyitwarire, uburenganzira n'inshingano ziyemeza, zikayagenderaho, zikayahaniraho igihango.

2.12 . Ibimaze gukorwa mu rwego rw'Itorero ry'Igihugu

Ku itariki ya 16 Ugushyingo 2007, niho Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yatangije ku mugaragaro Itorero ry'Igihugu mu Nteko Ishinga Amategeko. Muri uko kwezi k'Ugushyingo 2007 nibwo habaye Itorero rya mbere rigizwe n'abayobozi bo mu nzego z'ibanze. Mu kwezi k'Ukuboza 2007 Inama y'Igihugu y'umushyikirano yemeje ko abanyarwanda hafi ya bose bajya mw'Itorero ry' Igihugu, maze mu kwezi kwa Mata 2008 haba Itorero ry'abarimu bose bo mu gihugu b'amashuri abanza n'ayisumbuye, naho mu kwezi k'Ukuboza 2008 haba itorero ry'abanyamabanga nshingwabikorwa b'Imirenge yose yo mu

Ibyiciro by'Intore	2007	2008	Igiteranyo
Abayobozi bo mu nzego z'ibanze	23 862		**23 862**
Abarimu b'amashuri mato n'ayisumbuye		43 600	**43 600**
Abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge		416	**416**
Abanyeshuri b'abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora)		117	**117**
Igiteranyo	**23 862**	**44.133**	**67.995**

Itorero ry'igihugu ni rimwe mu gihugu cyose, rikagira **«**Imitwe**»** 30, ni ukuvuga umutwe umwe muri buri Karere, umutwe nawo ukagira **«**Ingerero» muri buri Murenge ni ukuvuga ingerero 416; buri rugerero rugira **«**Ingando**»** muri buri Mudugudu, ni ukuvuga ingando 14.837 mu gihugu hose.

2.12. Amahirwe aboneka muri iki gihe yafasha mu gushimagira Itorero ry'Igihugu

Itorero ry'Igihugu ni gahunda yafashwe n'abayobozi bakuru b'igihugu mu myanzuro y'inama nyinshi zagiye ziba, cyane cyane nyuma y'isuzuma ry'ibigenda bigerwaho mu rwego rwo kugera ku cyerekezo 2020 u Rwanda rwihaye.

Itorero ry'igihugu rije rigamije *« kubaka umunyarwanda mushya rimufasha mu guhinduka mu myumvire y'ibintu, mu myifatire, mu mitekerereze no mu mikorere ijyanye n'igihe»*. Ni amahirwe ku itorero ko mu gihugu hari izindi nzego zisanzwe zikangurira abanyarwanda uburere mboneragihugu, ibi bikaba bizafasha mu kwihutisha guhinduka kw'imyumvire hashyirwa imbere gukora mu bufatanye.
Muri urwo rwego, hari Abanyarwanda bamaze igihe bakora gitore ku buryo batozwa igihe kigufi bakinjira neza mu murongo w'izindi ntore.

Twavuga:

- Abakorera bushake b'amatora,
- Inyangamugayo za Gacaca,
- Abakangurambaga b'impindura matwara mu bukungu,
- Abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge,
- Abasezerewe mu ngabo,
- Abahoze mu nzego z'ubuyobozi,
- Abanyarwanda bose bakoze ingando zateguwe na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge
- N'abandi bagize izindi nzego zagaragazwa.

Igikenewe mbere na mbere kuri abo bose, ni uko bamenyekana n'aho bari muri iki gihe, bagategurirwa gahunda yihariye yo kubatoza mu gihe kigufi , hanyuma bakajya mu zindi ntore zatojwe bakurikije aho batuye.

Andi mahirwe, ni uko hari politiki zemejwe na gahunda zitandukanye zashyizweho zigamije iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'Abanyarwanda , ku buryo itorero ry'igihugu rizazifashisha mu bikorwa bitandukanye byo gukangurira intore kugira uruhare rufatika mu kubaka igihugu.

Andi mahirwe agaragara ni uko hari Abanyarwanda mu byiciro bitandukanye bafite inzego bishyiriyeho zibahagarariye (Urubyiruko, Abagore, Ababana n'ubumuga….), ndetse hakaba n'inzego zigenga zifite uruhare mu guteza imbere Abanyarwanda mu bukungu n'imibereho myiza (sosiyete sivile, amadini, urugaga rw'abikorera, ingaga z'ababinzi – borozi, amakoperative…). Izo nzego zose zizifashishwa nk'umuyoboro mu kwihutisha gahunda y'itorero ry'igihugu.

Kuba na none hari intore zamaze gutozwa mu Turere twose tw'Igihugu, zifite umurongo zihaye zigenderaho ndetse n'imihigo, bizafasha mu kumenyekanisha vuba Itorero ry'Igihugu n'akamaro karyo mu kubaka umunyarwanda n'igihugu muri rusange, hafatiwe ku ngero zifatika.

Kuba kandi uburere bugamijwe gutozwa Abanyarwanda buvomwa mu muco nyarwanda, bizafasha cyane kugirango impinduka yifuzwa binyuze muri gahunda y'itorero ry'igihugu izumvikane vuba kandi izabe iy'igihe kirekire.

2.14 . Ingamba zizibandwaho

Kugirango ibyifuzwa kugerwaho mu itorero ry'igihugu bizashoboke, hazakurikizwa ingamba n'ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe muri iyi myaka ine (2009-2012) biteye ku buryo bukurikira:


Inntego (purpose)
12 Itorero ry'Igihugu rikorera mu byiciro byose bigize umuryango nyarwanda, kandi ryuzuza ishingano zaryo ku buryo bushimishije
Ibigamijwe kugerwaho (outcomes)
Abanyarwanda bo mu byiciro binyuranye bitabirira ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu
Imicungire y'ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu iraboneye
Umusaruro w'ibikorwa (outputs)
Abanyarwanda b'ingeri zose n'abafatanyabikorwa basobanukiwe n'Itorero ry'Igihugu
Intore zatojwe mu byiciro bitandukanye by'abagize umuryango nyarwanda zariyongereye
Inzego z'Intore ziriho mu gihugu hose kandi zikora neza
Uburyo bwo guhuza ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu bwashyizweho kandi burakoreshwa neza
Imikoranire hagati y'Itorero ry'Igihugu n'zindi nzego iranoze
Ibikorwa by'ingenzi mu ncamake (Srtategic activities)
Gusobanura imiterere y'Itorero ry'Igihugu hakoreshejwe uburyo bunyuranye : inama, ibiganiro, radiyo na televisiyo, ibinyamkuru byandikwa, Itorero Magazine, inyandiko ngufi, urubuga rwa internet, umurongo wa telefoni utishyurwa…
Gutegura imfashanyigisho no kuzisakaza
Gushaka abatoza bafite indangagaciro z'Intore no kubahugura
Gutoza intore mu byiciro binyuranye no kuzihugura
Gufasha Intore gushyiraho ubuyobozi bwazo
Kugira inama Intore mu kunoza imikorere yazo
Gutera inkunga ibikorwa by'Intore
Gufasha Intore kwisuzuma no guhitamo indashyikirwa
Kwizihiza icyumweru ngarukamwaka cy'Itorero ry'Igihugu, kwizihiza umunsi w'Intore no kugororera indashyikirwa
Gushakisha amafaranga yo gukoresha mu gushyira mu bikorwa igenamigambi
Gushyiraho politiki n'itegeko bigenga Itorero ry'Igihugu
Gushyiraho abakozi b'Itorero ry'Igihugu
Gutegura gahunda z'ibikorwa n'ingengo y'imari,
Gukoresha ubushakashatsi ku Itorero mu gihe cya kera n'icy'ubu no gusakaza ibyavuyemo
Gushyiraho uburyo bwo kubika amakuru (ku batoza, Intore n'ibikorwa byazo)
Gukora isuzumamigendekere y'ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu
Gukora raporo rusange y'ibyagezweho buri mwaka
Gutegura igenamigambi ry'Itorero ry'Igihugu ry'imyaka itanu (2013-1017)
Kubarura inzego zakorana n'Itorero ry'Igihugu n'uruhare rwazo
Gusura inzego zinyuranye mu kuzishishikariza Itorero ry'Igihugu
Gukora inama ngarukamwaka n'abafatanyabikorwa

3. UBURYO BWO GUSHYIRA INGAMBA MU BIKORWA

3.1. Inzego zizafasha gushyira mu bikorwa gahunda z'Itorero rw'Igihugu

Nubwo itorereo ry'igihugu rishyiraho inzego z'intore zigenga hari n'izindi nzego zizahabwa inshingano zo gushyira mu bikorwa gahunda y'itorero kugirango itorero rikomere. Itorere nirimara gukomera rizajya ryikorera ibikorwwa byaryo izindi nzego zifatwe nk'abafatanya bikorwa.

3.2. Uburyo bwo gukurikirana ibikorwa no gusuzuma

3.2.1. Gusuzuma ibikorwa by'Intore

-Ibikorwa by'intore bizajya bisuzumirwa mu nzego zazo. Hazanashyirwaho uburyo bw'amahugurwa azajya aganirirwamo ibyagezweho no kureba uburyo indanga gaciro zubahirizwa kugirango hafatwe ingamba nshya.

-Muri buri mezi atandatu inzego z' intore zo ku rwego rw'Umudugudu , Akagari n'Umurenge zizajya zihurira ku Umurenge.
Igikorwa nk'icyi kizajya kiba kabiri mu mwaka gihurize mu kigo cya Nkumba inzego z'intore ku rwego rw'Umurenge , Akarere n'Igihugu.
-Mu cyumweru cy'intore mu Gushyingo , hazajya haba isuzuma ry'ibikorwa by'intore maze indongozi zigabirwe n'ibigwari bigawe.

3.2.2. Raporo y'ibikorwa

Kuva itorero ryatangira nta raporo y'ibikorwa yari yatangwa ngo itangazwe.

Mu bihe biri imbere raporo zizakorwa ku buryo bukurikira:

-Buri kwezi urwego rw'intore ku rwego rw'Umudugudu ruzajya rwegeranya raporo ruyishyikirize ubuyobozi bw'intore ku Kagari buyihuze yoherezwe ku Umurenge nawo uyihuze yoherezwe ku buyobozi bw'intore ku Karere.
-Buri gihebwe uhagarariye itorero ku rwego rw'Akarere azajya ahuza raporo z'Imirenge yose ayuzuze maze ayohererereze Task Force y'Itorero nayo iyihuze iyitange ku rwego rw'Igihugu.
-Buri mezi atandatu Task force y'Itorero izajya ikora raporo y'amezi atandatu ishingiye kuri raporo zitandukanye zaturutse mu Turere.
-Buri mwaka Task Force y'Itorero izajya itanga raporo y'umyaka inagaragaza aho igeze ishyira mu bikorwa ingamba z'imyaka ine.

3.3. Incamake y'ingengo y'imari n'aho yaturuka

Hakurikijwe ibikenewe byose, ingengo y'imari y'Itorero ry'Igihugu mu gihe cy'imyaka ine (2009-2012) ingana na **9 953 635 725 Frw**
Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ingengo y'imari ya buri mwaka hakurikijwe ibigamijwe kugerwaho n'amafaranga akenewe mu gukora imirimo isanzwe.

Ku rwego rw'Igihugu: Ingengo y'imari y'Itorero ry'Igihugu izajya iva ku ngengo y'imari Leta igenera itorero ry'igihugu n'inkunga ziva mu bafatanyabikorwa. Ingengo y'imari kandi izajya ituruka no ku zindi nzego za Leta n'iz'abikorera zohereje abatozwa mu Itorero ry'Igihugu.

Mu rwego rw'Akarere: Hari amafaranga azajya aturuka ku ngengo y'imari ya Leta agenewe itorero ry'igihugu, ikindi gice gituruke ku ngengo y'imari y'Akarere, ikindi gituruke ku mishinga no ku bafatanyabikorwa bakorera mu Karere, ndetse no ku zindi nzego za Leta n'iz'abikorera zohereje abatozwa mu Itorero ry'Igihugu ku rwego rw'Akarere. Kugirango ibyo bigerweho, ni uko buri rwego ruzajya ruteganya mu ngengo y'imari yarwo amafaranga ruzajya rukoresha mu bikorwa by'Itorero.

Ibigamijwe kugerwaho	Agaciro kose (Frw)	04-06/2009 (Frw)	07/2009-06/2010 (Frw)	07/2010-06/2011 (Frw)	07/2011-06/2012 (Frw)	07-12/2012 (Frw)
Ikigamijwe 1: Abanyarwanda bo mu byiciro binyuranye bitabirira ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu						
Umusaruro wa 1: Abanyarwanda b'ingeri zose n'abafatanyabikorwa basobanukiwe n'Itorero ry'Igihugu	**1 409 782 000**	**48 046 500**	**426 195 857**	**377 565 857**	**370 065 857**	**187 907 929**
Umusaruro wa 2: Intore zatojwe mu byiciro bitandukanye by'abagize umuryango nyarwanda zariyongereye	**2 503 582 500**	**169 317 500**	**821 750 417**	**887 012 500**	**444 345 833**	**181 156 250**
Umusaruro wa 3: Inzego z'intore ziriho mu gihugu hose kandi zikora neza	**3 718 412 000**	**72 412 000**	**814 907 143**	**996 307 143**	**996 307 143**	**838 478 571**
Igiteranyo ku kigamijwe 1	**7 631 776 500**	**289 776 000**	**2 062 853 417**	**2 260 885 500**	**1 810 718 833**	**1 207 542 750**
Ikigamijwe 2: Imicungire y'ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu iraboneye						
Umusaruro wa 1: Uburyo bwo guhuza ibikorwa by'Itorero ry'Igihugu bwashyizweho kandi burakoreshwa neza	**359 789 000**	**22 149 000**	**121 444 000**	**80 719 000**	**75 294 000**	**60 183 000**
Umusaruro wa 2: Imikoranire hagati y'Itorero ry'Igihugu n'izindi nzego iranoze	**62 310 000**	**0**	**30 240 000**	**10 690 000**	**10 690 000**	**10 690 000**
Igiteranyo ku kigamijwe 2	**422 099 000**	**22 149 000**	**151 684 000**	**91 409 000**	**85 984 000**	**70 873 000**
Igiteranyo cy'ingengo y'imari y'ibikorwa	**8 053 875 500**	**311 925 000**	**2 214 537 417**	**2 352 294 500**	**1 896 702 833**	**1 278 415 750**
Ingengo y'imari y'imirimo isanzwe	**1 899 760 225**	**50 578 531**	**527 123 341**	**530 623 341**	**530 623 341**	**265 311 671**
INGENGO Y'IMARI YOSE HAMWE	**9 953 635 725**	**362 503 531**	**2 741 660 758**	**2 882 917 841**	**2 427 326 174**	**1 543 727 421**

UMUSOZO

Itorero si iry'ubu kuko ryahozeho ritaracibwa , ahubwo n'ugushakira mu muco nyarwanda bimwe mu byafasha kongera kubaka mu banyarwanda umuco wo gukunda igihugu ushingiye ku ndangagaciro na kirazira Abanyarwanda bagomba kwitoza bakanazirikana .

Itorero rije rikenewe kuko rihuje n'intego y'Abanyarwanda baharanira kubaka u Rwanda nyuma y'ibihe birebire rwaciyemo byaranzwe n'ibikorwa bitandukanye byo kurusenya byasorejwe kuri Jenoside y'Abatutsi yo muw'1994.